**REPUBULIKA Y' URWANDA**

Kigali, 29/08/2018
N° 1900/12.00/2018

**MINISITERI Y'UBUREZI**
**P.O. BOX, 622 KIGALI**

Madamu/ Bwana Umuyobozi w'Akarere (Bose)

**Impamvu: Kumenyesha ko ku wa mbere tariki ya 03/09/2018 Abanyeshuri bataziga**

Madamu/Bwana Muyobozi w'Akarere,

Dushingiye ku ibaruwa N° 434/NEC/ES/2018 yo ku wa 24 Kanama, 201, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yandikiye Minisiteri y'Uburezi isaba ko tariki ya 03/09/2018, ubwo mu Rwanda tuzaba dufite amatora rusange y'Abadepite, Abanyeshuri biga mu mashuri abanza n'ayisumbuye bataziga kuri uwo munsi;

Dukurikije uburemere bw'aya matora, tunejejwe no kubasaba kumenyesha abayobozi b'amashuri y'inshuke, abanza n'ayisumbuye ko kubera ibikorwa by'amatora azaba ku wa mbere tariki ya 03 Nzeri 2018, abanyeshuri bo muri ibyo byiciro by'uburezi bataziga kuri uwo munsi kubera impamvu zikurikira:

1. Bimwe mu bigo by'amashuri nibyo bizakoreshwa nk'ibiro by'itora;
2. Bamwe mu Bayobozi b'amashuri n'abarimu ni abakorerabushake bazayobora amatora kuri uwo munsi.

Turabasaba kuzorohereza abanyeshuri n'abarimu bakwifuza kwiga cyangwa gukora imirimo yabo barangije kwitabira amatora. Tuboneyeho kubasaba kumenyesha Abayobozi b'Ibigo by'Amashuri ndetse n'Abarimu b'abakorerabushake imirimo y'Amatora.

Mugire amahoro.

**Dr. Eugene MUTIMURA**
Minisitiri w'Uburezi

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Madamu Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Bwana Umunyamabanga wa Leta ushinzwe TVET
- Bwana Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Umuyobozi w'Intara (Bose)
- Bwana Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Uburezi